

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE
KAGAME MU IHURIRO RYA 11 RY'ABANYESHURI
BISHYURIRWA NA IMBUTO FOUNDATION.**

**Groupe Scolaire Mater-Dei Nyanza,
Ku wa 5 Ukuboza 2018**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,
Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,
Abahagarariye Ingabo na Police,
One UN Resident Coordinator,
Bafatanyabikorwa bacu,
Nyakubahwa Mayor w'Akarere ka Nyanza,
Maman/Soeur Pélagie uyobora iki kigo,
Batumirwa, Banyakubahiro mwese muri hano,
Bana bacu - Imbuto Zitoshye,**

Muraho neza!

Nejejwe no kubana namwe uyu munsi, muri iri huriro ryacu rya 11. Dutegura umwanya nk'uyu kugira ngo twishimane n'abana bacu, twishimire ibyiza bagezeho, tubonereho kandi no kubaganiriza, kubahugura, ndetse no kubibutsa icyo tubifuzaho nk'abana.

Ikindi twishimira muri iri huriro, ni uko tutajya tuza twenyine, nka Imbuto Foundation n'abanyeshuri. Turashimira Abafatanyabikorwa bacu, dufatanya gushakisha ubushobozi bubafasha kwiga, ndetse n'andi mahirwe abongerera ubumenyi. Abo dufatanyije muri uru rugendo kandi bitabira ubutumire bwacu buri gihe uko tubatumije muri iri huriro, maze tukongera guhura nk'Umuryango.

Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bwadushyiriye ho umurongo mugari. Buri mwana w'Umunyarwanda akwiriye kubona ubushobozi bwo kwiga, agasoza ibyiciro byose nkuko byagenwe. Ndagira ngo mumfashe by'umwihariko twongere dushimire abafatanyabikorwa bacu, kuba baremeye gutanga umusanzu kuri gahunda y'uburezi kuri bose.

Uru rubyiruko rwacu *Imbuto Zitoshye*, nk'uko dukunze kubita, ni abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, babona amanota meza mu ishuri ariko bakeneye guherekezwa mu myigire yabo, kugira ngo babashe kwiga no gutsinda neza. Uyu munsi turi kumwe n'abanyeshuri magana atandatu na mirongo inani n'umwe (681), mu bafashijwe kwiga muri uyu mwaka w'amashuri dusoje.

Bana Bacu - *Imbuto Zitoshye*,

Ndashima abitwaye neza ku ishuri bagakomeza kubona amanota meza. Impamvu mbashimira si uko mwabonye amanota meza gusa, ahubwo ni uko mwirengagije ibyabaca intenge byose, mugakorana umwete, mugakomeza kuba *Imbuto Zitoshye* koko.

Abataragize amanota meza namwe, aho mutitwaye neza, mufate umwanya wo kubitekerezaho no kubishakira umuti.

Mugire umuco wo kwemera ko hari aho mufite intenge nke, ntibibatere ipfunwe. Mubaze ibyo mutazi, haba kuri bagenzi banyu, ababyeyi cyangwa abarimu, nibyo bizabafasha kwiga byinshi vuba kandi mugatsinda neza.

Uyu mwaka, dutegura iri huriro, twatekereje ko ibiganiro tuzagirana namwe, bikwiye kwibanda ku ruhare rwa buri muntu mu gukemura ibibazo bitwugarije nk'umuryango nyarwanda, buri wese akoreshheje imbaraga n'ubushobozi afite.

Ibi tubibona nk'inzira izatugeza ku iterambere rirambye kandi ryihuse, kuko ari twebwe ubwacu twishakamo ibisubizo. Gukoresha ubushobozi n'ubumenyi dufite, biduha icyizere ko icyo gisubizo kizaramba, bitandukanye nuko hari undi wadutekerereza cyangwa akaduha ubushobozi bw'igihe gito.

Ibyo mwahuguweho bijyanye no kwiyungura ubumenyi, ibisabwa ku isoko ry'umurimo, uko mukwiye kwitegura ndetse n'impamvu ari ingenzi kubitangira kare, mudategereje gusoza amashuri, mubigire impamba.

Turifuza ko na nyuma y'iri huriro, muza fata umwanya wo gukomeza kuganira ku bibazo byose bitwugarije, byabonerwa umuti biduturutseho, cyane cyane mwitabira gahunda y'intore mu biruhuko yabashyiriweho.

Buri mubyeyi yishimira kumva umwana we ashimwa n'abarezi be. Twishimira ko Abayobozi b'ibigo by'amashuri batubwira ko bamwe muri mwe mufite inshingano zitandukanye aho mwiga. Izi nshingano zirimo kuba abayobozi b'abanyeshuri, ba chef de classe, abayobozi ba Chorales, abayobozi b'amacumbi y'abanyeshuri, abayobozi ba clubs mu mashuri, n'ibindi. Mukomereze aho.

Ibi biduha icyizere ko uburere, ubumenyi n'ibindi byose bibakorerwa mubikurikirana kandi mukabishyira mu bikorwa neza, bityo mukazavamo Abanyarwanda bubaka u Rwanda Twifuza.

Bizatunezeza kurushaho, ibikorwa by'ubwenge mufite, bigiriye akamaro urungano ndetse n'abakuru, mwaba muri ku ishuri, aho mutuye, mu biruhuko ndetse n'ikindi gihe cyose.

Uyu munsi dutewe ishema no kuba turi kumwe na Fauste nk’umwe mu batuganirije, nawe akaba ari *Imbuto Itoshye* yararezwe nkamwe muri iyi gahunda. Mufite ingero nziza rero zibatera imbaraga kandi zibibutsa ko ‘Gushaka ari Ugushobora’.

Bafatanyabikorwa namwe Batumirwa,

Mu muryango Imbuto Foundation, ibikorwa byose dukorana n’urubyiruko ndetse n’umuryango muri rusange bigamije kubaka ubushobozi, no guharanira ko buri muntu yigiramo indangagaciro yo gusangiza bagenzi be ibyo yize cyangwa yahuguwemo.

Muri iyi gahunda yo gushakira ubushobozi abanyeshuri, twibanda ku guteza imbere ubumenyi n’ikoranabuhanga, ndetse n’amasomo ajyanye n’ubumenyi ngiro.

Abagera kuri **61%** mu bana bose dufasha mu cyiciro cya 2 cy’amashuri yisumbuye, biga amasomo y’ubumenyi n’ikoranabuhanga. Turifuza kandi gukomeza kongera uyu mubare.

Ibi ntitwabyishoboza twenyine, ni umusaruro w’imbaraga n’inama zanyu mwese,

bidufasha kubigeraho. Nagira ngo bana bacu mumfashe dushimire Abafatanyabikorwa bacu bose bagize umutima w'Ubumuntu tugafatanya uru rugendo.

Abafatanyabikorwa nk' abantu ku giti cyabo , imiryango n'ibigo nka MTN, BK, REG, IHS, ENGEN, Airtel, ONE UN, Ambassade y'Igihugu cy'Ubushinwa mu Rwanda, Mount Kenya University, Edified Generation Rwanda (Aba ni bakuru b'aba bana, nabo bahoze bafashwa n uyu mushinga), Richards Rwanda- Impuhwe, Roses and Rosemary, Groupe Sagamba, Kaminuza ya Kigali, World Learning/School of International Training...ndetse n'abandi tutari kumwe uyu munsi, dukomeze gufatanya guharanira '*uburezi kuri bose*' ndetse dufatanye no gushakisha abandi.

Bana Bacu, muri mwe hari abafite impano n'ibitekerezo by'imishinga yabyara inyungu, ndetse igahesha na bagenzi banyu imirimo, ibyo byose ni inzira nziza yo gutangira gutegura imbere hanyu muhereye ku bushobozi mwifitemo.

Ndifuza kandi kubaha umukoro wo gukomeza gutekereza, ku mubare w'Abangavu n' ingimbi baterwa cyangwa batera inda, turebe icyo twakora ngo habeho impinduka.

Icyanyuma nifuza gusorezaho, ni ukubibutsa ko aya mahirwe mufite abaha inshingano zo gukunda, no gukomeza gutekereza icyafasha imiryango yanyu kwiteza imbere.

Duhereye ku ngero zoroshye z'ubuzima bwa buri munsi, ndabibutsa ko nibura buri wese muri mwe **yihaaye** umukoro wo kugenzura isuku y'iwabo mu rugo; yaba isuku y'amazi akoreshwa mu mirimo yo mu rugo, uko batunganya amafunguro n'ibindi...yaba atanze umusanzu ukomeye ku gihugu.

Nsoza, nagira ngo nshimire ubuyobozi bw'Akarere ka Nyanza n'ikigo cy'ishuri, ko mwatwakiriye neza. Turabashimira n'ubufatanye dusanganywe, no mu bindi bikorwa.

Bana Bacu, Mbifurije kuzagira ibiruhuko byiza.

Mboneyeho kandi mu izina ry'Umuryango wanje bwite n'Umuryango wa Imbuto Foundation, kubifuriza kuzagira Umwaka Mushya Muhire wa 2019.

Murakoze, Mugire Amahoro!